# UBURYO BW'IKORANABUHANGA USHOBORA GUKURIKIRANA CYANGWA GUTANGA IKIBAZO CYA SERIVISE MUKIGO CY'IMARI

AB Rwanda


MUKIRIYA WACU, IGIHE WAGIZE IKIBAZO KURI SERIVISE ZACU, WAGIRANYE IKIBAZO N'UMUKOZI WACU, CYANGWA NIBA IKIBAZO CYAWE KITAKEMUWE MUBURYO BUKUNYUZE, USHOBORA KUTWANDIKIRA KURI **E-mail: info@abr.rw** CYANGWA UGAHAMAGARA **TELEPHONE NUMERO: 0788198300**

IGIHE IKIBAZO CYAWE KITASUBIJWE NEZA USHOBORA KUGEZA IKIBAZO CYAWE KURI BANKI NKURU Y'U RWANDA **(BNR)** N'IKIGO CY'IMARI MUKORANA MUBURYO BW'IKORANABUHANGA BWITWA **"INTUMWA CHATBOT"** UNYUZE KURI WEBSITE YACU NDETSE NO KUMBUGA NKORANYAMBAGA ZA BANKI NKURU Y'U RWANDA (BNR), USHOBORA KANDI NOKOHEREZA UBUTUMWA BUGUFI KURI 6005. IKIGO CY'IMARI CYOSE USHATSE GUTANGAMO IKIBAZO UKIBONA MURI IRYO KORANABUHANGA TYAVUZWE HARUGURU.

## UBURYO INTUMWA CHATBOT IKORA

1. UBUTUMWA BUGUFI **(SMS)** WANDIKA UBUTUMWA BUGUFI ***(IJAMBO USHAKA RYOSE)*** UKOHEREZA KURI **6005,** MUGAKURIKIZA AMABWIRIZA BABOHEREZA MURI MESSAGE, UBUNDI MUKANDIKA IKIBAZO, BAKAKUBAZA IKIGO CY'IMARI WIFUZA KUGITANGAHO, UKACYOHEREZA KIGAHITA KIGERA KURI ICYO KIGO. NTA KIGUZI BISABA KANDI BIKORWA MU RURIMI UBASHA KUMVA ***(IKINYARWANDA, ICYONGEREZA N'IGIFARANSA).***

2. KUNYURA KURI WEBSITE YA ***AB RWANDA PLC*** CYANGWA KU MBUGA NKORANYAMBAGA ZA BANKI NKURU Y'U RWANDA ***(BNR):*** UGANA AHAGANA HASI IBURYO KURI MUDASOBWA CYANGWA TELEPHONE YAWE, HARI IKIMENYETSO GIKURIKIRA, UBUNDI UGAKURIKIZA AMABWIRIZA.




HARI UBWO WATANGAGA IKIBAZO KURI BANKI CYANGWA IKINDI KIGO CY'IMARI NTUBONE IGISUBIZO CYANGWA NTUNYURWE. MURI IRI KORANABUHANGA RYA ***"INTUMWA",*** BAGUHA NIMERO UREBERAHO AHO IKIBAZO CYAWE KIGEZE GIKEMURWA CYAMARA NO GUKEMURWA BAKAKOHEREREZA IGISUBIZO, WABA UTAKISHIMIYE UKABA WAGITANGA KURI BANKI NKURU Y'U RWANDA KUGIRA NGO NAYO IKIREBEHO, WAKUMVA UNYUZWE UBWO KIKABA KIRAKEMUTSE.

DUHARANIRA KUBAHA SERIVISI NZIZA IBANOGEYE, NINAYO MPAMVU TWIFUZA KO IGIHE MUTANYUZWE MWAHORA ITEKA MUBITUMENYESHA. IBYIFUZO BYANYU MWANABIDUHA MU GASANDUKU K'IBITEKEREZO KARI KURI BURI SHAMI RYACU.

***MURAKOZE.***
***UBUYOBOZI BWA AB Bank Rwanda Plc.***